



CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA

Secrétariat Général

B.P. 357 Kigali / Rwanda

Tél. : (+250) 252 575 439

E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

UBUTUMWA ABEPISKOPI GATOLIKA MU RWANDA BANDIKIYE ABAKRISTU, BABATEGURIRA KWAKIRA IBISIGAZWA BITAGATIFU (*Reliques*) BYA TEREZA W'UMWANA YEZU

Bakristu dukunda,

Tunejejwe no kubandikira iyi baruwa tubamenyesha amahirwe dufite muri Kiliziya yacu yo mu Rwanda, ndetse no mu gihugu cyose muri rusange, yo kwakira ibisigazwa bitagatifu (*relicues*) bya Tereza w'Umwana Yezu.

Uwo Mutagatifu, Umurinzi w'iyogezabutumwa ku isi hose, azaba ari mu gihugu cyacu kuva ku itariki ya 15 Kamena (6) kugera ku ya 30 Nyakanga (7) 2018. Tukaba tuboneyeho kubashishikariza kuzamwakira neza uko bikwiye.

Ubutumwa atuzaniye

Mutagatifu Tereza w'Umwana Yezu yari umubikira w'Umukarumerita ahitwa Liziye mu Bufaransa. Yavutse mu w'1873 yitaba Imana akiri muto mu w'1897, afite imyaka 24 gusa.

Ni umutagatifu kandi washyizwe mu rwego rw'Abahanga ba Kiliziya. Azaba aje kutwibutsa umuhamagaro wacu wa mbere nk'Abakristu, ariwo w'ubutagatifu ; atwigisha *inzira ye ngufi* yo kubugeraho. Uwo ukaba ari umwihariko we. Iyo nzira y'ubutagatifu ni inzira buri wese yamwigiraho, aba umuhamya w'urukundo rwa Yezu n'urwa bagenzi be, yiringiye Imana Nyirimpuhwe, yicisha bugufi, kuko aba azi neza ko ku bwe ntacyo yakwishoboza atari kumwe na Yo.

Kumwakira rero ni ukuvugurura muri twe urukundo tugomba gukunda Yezu, kuko icyifuzo cya Mutagatifu Tereza w'Umwana Yezu gihatse ibindi byose ari : *Gukunda Yezu no kumukundisha abandi*. Tuzamwegere cyane aduhishurire iringo banga. Uwo Mutagatifu muhire wo muri ibi bihe turimo, azi neza inyota dufite yo gukunda Yezu. Hamwe na we tuzatere indi ntambwe muri urwo rukundo.

Ikindi rero, azaba aje kuduhishurira ibanga rikomeye ryo kumenya no gukunda Kiliziya Umubyeyi wacu n'ubutumwa bw'ibanze duhuriyeho twese nk'abana bayo: "...*Numvise ko Kiliziya ifite umutima, kandi uwo mutima ukaba ugurumana urukundo. Nsobanukirwa ko urukundo rwonyine ari rwo musemburo ukoresha ingingo zose za Kiliziya, ko urukundo ruzimye, Intumwa zitashobora kogeza Inkuru Nziza, Abamaritiri bakwanga kumena amaraso yabo... Numvise ko urukundo rukubiyemo ubutore bwose,*

kimwe n'uguhagarwa kose. Urukundo rubumbye byose, rusanganyije ibihe byose n'ahantu hose... Mu ijambo rimwe ruhoraho iteka" Ms B3v°, 28).

Mu buhanga bwe bw'umwimerere, Tereza w'Umwana Yezu ni umutagatifu dushobora kwigiraho uburyo bwo guhuza urukundo rw'Imana n'urwa bagenzi bacu: «...*Nasobanukiwe ko urukundo mfitiye abavandimwe banje b'Ababikira rucagase; nabonye ko ntabakunda nk'uko Imana ibakunda. Noneho numva neza ko urukundo nyakuri rwa kivandimwe, ari urutuma umuntu yihanganira amafuti y'abandi, ntatangazwe na busa n'intege nke zabo, ahubwo agafashwa n'udukorwa duto twiza umuntu abona bakora, ariko cyane cyane numvise ko urukundo rwa kivandimwe rutagomba na rimwe kugumya gupfukiranwa mu ndiba y'umutima.* Yezu ati: “*Ntawe ucana itara ngo aryubikeho icyibo, ahubwo arishyira ku giterekoyaryo aho rimurikira abari munzu bose*” (Mt 5,15). *Ndibwira ko iryo tara ari urukundo rugomba kutuyobora; atari kubo nkunda gusa, ahubwo abari munzu bose ntawe uhejwe* » (Mc 12v°, 19r°).

Icyo tuzamwigiraho

Tuzamwigireho kutagamburuzwa n'inabi iyo ariyo yose, mu rukundo tugomba gukunda Yezu na bagenzi bacu, uko byagenda kose, naba mbabaye naba nishimye.

Kudacibwa intege n'ububabare bwacu mu rugamba rw'urukundo (reba Rm 8,35). Tereza yarababaye cyane : yapfushije nyina akiri muto cyane, ararwaragurika, yitaba Imana mu bubabare bwinshi. Ariko igitangaje ni uko, aho kumutandukanya na Yezu, ubwo bubabare bwashimangiye ku buryo budasanzwe urukundo rukomeye yakundaga Yezu n'urwo yakundaga bagenzi be. Ibyamubabazaga byose yabihuzaga n'ububabare bwa Yezu ku musaraba, maze kuri we bikagira agaciro gakomeye mu maso y'Imana, bikamubera ituro rikomeye yashoboraga guturira abanyabyaha kugira ngo bicuze. Iyo ni yo *nzira ngufi* yadutoje. Kuri iyi ngingo y'ububabare afite ikintu gikomeye yatwigisha mu gihugu cyacu, cyanyuze inzira y'umusaraba itoroshye.

Tuzamwakire nk'ishuti, nk'umuvandimwe, nk'umwigisha Yezu atwoherereje. Tuzamureke rero yigarurire imitima yacu, ayigeze kuri Yezu we Mugenga wacu, maze no mu gihugu cyacu huzuzwe icyifuso cye, aho avuga ati: “...*Ndashaka kuzenguruka isi nigisha izina ryawe, no gushimangira ku butaka bw'abapagani umusaraba wawe wuje ikuzo, mukunzi wanje, gukora umurimo umwe ntibyampaza, kuko nshaka icyarimwe, kogeza Ivanjili mu migabane itanu y'isi, kuzageza iyo ijuru riterwa inkingi* (Iz 66,19), *ngashaka kuba umumisiyoneri atari imyaka mike gusa, uhubwo nifuzaga kuba narabaye we kuva isi ikiremwa, nkaba nakomeza kugeza ku ndunduro y'ibihe...Ariko Mukiza wanje nkunda, ikiruta byose ndashaka kugupfira, nkamena amaraso yanje kugeza ku gitonyanga cya nyuma kubera wowe...*” (Ms B3r°12).




Ni mahire kuba adusuye muri uyu mwaka udasanzwe w'ubwiyunge twatangiye. Tureke rero Nyagasani Yezu atwigarurire akoresheje ubutumwa bwiza bwa Mutagatifu Tereza w'Umwana Yezu. Tumwiyambaze ngo adufashe mu rugendo turimo rwo kwiyunga n'Imana, natwe ubwacu n'abavandimwe.

Tubaragije Umubyeyi Bikira Mariya, Umwamikazi wa Kibeho.

Mutagatifu Tereza w'Umwana Yezu udusabire.

Bikorewe i Kigali, tariki ya 18 Gicurasi 2018.

Abepisikopi banyu:

- ✖ Filipo RUKAMBA,
Umwepiskopi wa Diyosezi ya Butare + 
akaba na Perezida w'Inama Y'Abepiskopi
Gatolika mu Rwanda.
- ✖ Tadeyo NTIHINYURWA,
Umwepiskopi w'Arkidiyosezi ya Kigali 
- ✖ Serviliyani NZAKAMWITA,
Umwepiskopi wa Diyosezi ya Byumba 
- ✖ Smaragde MBONYINTEGE,
Umwepiskopi wa Diyosezi ya Kabgayi + 
- ✖ Visenti HAROLIMANA, + 
Umwepiskopi wa Diyosezi ya Ruhengeri
- ✖ Antoine KAMBANDA, + 
Umwepiskopi wa Diyosezi ya Kibungo
- ✖ Selestini HAKIZIMANA,
Umwepiskopi wa Diyosezi ya Gikongoro 
n'Umuyobozi wa Diyosezi ya Cyangugu
- ✖ Anaclet MWUMVANEZA
Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo 